**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y' IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA RWAMAGANA**
**P.O BOX 24 RWAMAGANA**

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana buramenyesha abarimu bose bifuza kwimukira mu karere ka Rwamagana cyangwa kwimukira ku bindi bigo imbere mu karere, ko basabwe gutanga dosiye zinyujijwe kuri e-mail y'Akarere ariyo **info@rwamagana.gov.rw** bitarenze kuwa 15/07/2020, saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

**Ku bifuza kuza gukorera mu karere ka Rwamagana baturutse mu tundi turere**, dosiye isaba igomba kuba igizwe nibi bikurikira:

- Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana,
- Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isizumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) mu mwaka wa 2019,
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishamo,
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe,
- Fotokopi y'impamyabumenyi ahemberwa,
- Fotokopi y'indangamuntu.

**Ku bifuza kwimurwa basanzwe bakorera mu karere ka Rwamagana**, dosiye isaba igomba kuba yujuje nibi bikurikira:

- Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana,
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishamo,
- Fotokopi y'impamyabumenyi ahemberwa,
- Fotokopi y'indangamuntu.

**ICYITONDERWA**: Abarimu bari barasabye kwimurwa bakabyemererwa ariko batarashyirwa mu myanya nabo barasabwa gusaba bundi bushya.

Bikorewe i Rwamagana kuwa 23/06/2020.

AKARERE KA RWAMAGANA

**MBONYUMUVUNYI Radjab**
**Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana**